



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA WERURWE 2020

10 Mata 2020

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## **IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA WERURWE 2020**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2020. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 8,5% mu kwezi gushize kwa Werurwe 2020 ugereranyije na Werurwe 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 8,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 8,5% mu kwezi kwa Werurwe ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 18,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 17,2% n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutsho 4,8%.

Iyo ugereranyije Werurwe 2020 na Werurwe 2019, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byazamutseho 4,3%.

Wagereranya ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2020) n'ukwezi kwa Kabiri (Gashyantare 2020), ibiciro byazamutseho 1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,5%, n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 0,7%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi kwa Werurwe 2020, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 16,5% ugereranyije na Werurwe 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 17,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 16,5% mu kwezi kwa Werurwe ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 26,5%, ibiciro by'ibinyobwa

bisembuye n'itabi byazamutseho 23% n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 6,8%.

Ugereranyije ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2020) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2020), ibiciro byazamutseho 2,5%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4% n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 3,1%.

### **Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)**

Mu kwezi kwa Werurwe 2020 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 13,1% ugereranyije na Werurwe 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 13,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 13,1% mu kwezi kwa Werurwe 2020 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 24,1%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 21,1% n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 5,9%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2020) n'ukwezi kwa Kabiri (Gashyantare 2020) ibiciro byazamutseho 1,9%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,5% n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2%.

### **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2019 kugeza muri Werurwe 2020.**

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2019 kugeza muri Werurwe 2020													
<i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2019											2020	
	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12	01	02	03
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	1,1	0,2	0,0	0,9	1,9	2,3	3,1	4,4	6,9	6,7	7,3	8,7	8,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	0,4	-0,7	-0,7	0,9	1,3	3,2	5,8	9,2	15,5	15,8	14,6	17,1	16,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	0,7	-0,3	-0,4	0,9	1,6	2,8	4,6	7,2	11,8	11,9	11,5	13,5	13,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	1,1	0,3	0,9	0,0	0,0	0,9	0,9	0,6	1,9	-0,3	0,6	1,6	1,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	3,1	1,2	0,8	-0,1	-0,2	2,5	2,2	1,9	5,2	-1,1	-1,1	1,8	2,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	2,2	0,9	0,8	-0,1	-0,1	1,8	1,6	1,4	3,8	-0,8	-0,4	1,7	1,9

*Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)